Umwaka wa 46 n° idasanzwe
yo kuwa 19 Werurwe 2007

Year 46 n° special
of 19 March 2007

46ème Année n° spécial
du 19 mars 2007

Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda | Official Gazette of the Republic of Rwanda | Journal Officiel de la République du Rwanda

Ibirimo/Summary/Sommaire **Page/Urup.**

Amategeko/Laws/Lois

N° 09/2007 ryo kuwa 16/02/2007
Itegeko rigena inshingano, imiterere n'imikorere bya Komisiyo y'Igihugu yo Kurwanya Jenoside
Nº 11/2007 ryo ku wa 16/03/2007
Itegeko Ngenga rigena kwimurira muri Repubulika y'u Rwanda imanza zivuye mu Rukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga Rwashyiriweho u Rwanda n'izivuye mu bindi Bihugu……..

N° 09/2007 of 16/02/2007
Law on the attributions, organisation and functioning of the National Commission for the Fight Against Genocide……...
N° 11/2007 of 16/03/2007
Organic Law concerning transfer of cases to the Republic of Rwanda from the International Criminal Tribunal for Rwanda and from other States…….……...……

N° 09/2007 du 16/02/2007
Loi portant attributions, organisation et fonctionnement de la Commission Nationale de Lutte contre le Génocide…….
N° 11/2007 du 16/03/2007
Loi Organique relative au renvoi d'affaires à la République du Rwanda par le Tribunal Pénal International pour le Rwanda et par d'autres Etats…….

ITEGEKO N° 09/2007 RYO KUWA 16/02/2007 RIGENA INSHINGANO, IMITERERE N'IMIKORERE BYA KOMISIYO Y'IGIHUGU YO KURWANYA JENOSIDE

Twebwe, KAGAME Paul,
Perezida wa Repubulika;

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA.

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:

Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo kuwa 8 Mutarama 2007;

Umutwe wa Sena, mu nama yawo yo kuwa 15 Ukuboza 2006;
Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003, nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 9, iya 13, iya 14, iya 62, iya 66, iya 67, iya 88, iya 89, iya 90, iya 92, iya 93, iya 95, iya 108, iya 118, iya 176, iya 179 n'iya 201;

LAW N° 09/2007 OF 16/02/2007 ON THE ATTRIBUTIONS, ORGANISATION AND FUNCTIONING OF THE NATIONAL COMMISSION FOR THE FIGHT AGAINST GENOCIDE

We, KAGAME Paul,
President of the Republic;

THE PARLIAMENT HAS ADOPTED, AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA.

THE PARLIAMENT:

The Chamber of Deputies, in its session of January 8, 2007 ;

The Senate, in its session of December 15, 2006;

Given the Constitution of the Republic of Rwanda of June 4, 2003, as amended to date, especially in its Articles 9, 13, 14, 62, 66, 67, 88, 89, 90, 92, 93, 95, 108, 118, 176, 179, and 201;

LOI N° 09/2007 DU 16/02/2007 PORTANT ATTRIBUTIONS, ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT DE LA COMMISSION NATIONALE DE LUTTE CONTRE LE GENOCIDE

Nous, KAGAME Paul,
Président de la République ;

LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIEE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA REPUBLIQUE DU RWANDA.

LE PARLEMENT :

La Chambre des Députés, en sa séance du 8 janvier 2007 ;

Le Sénat, en sa séance du 15 décembre 2006 ;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003 telle que révisée à ce jour, spécialement en ses Articles 9, 13, 14, 62, 66, 67, 88, 89, 90, 92, 93, 95, 108, 118, 176, 179 et 201 ;

Ishingiye ku Itegeko n^{o} 22/2002 ryo kuwa 09 Nyakanga 2002 rishyiraho sitati rusange igenga abakozi ba Leta n'inzego z'imirimo ya Leta, cyane cyane mu ngingo zaryo: iya mbere n'iya 2;	Given Law n°22/2002 of 09 July 2002 on General Statutes for Rwanda Public Service, especially in its Articles one and 2;	Vu la Loi n° 22/2002 du 09 juillet 2002 portant Statut Général de la Fonction Publique Rwandaise, spécialement en ses Articles premier et 2 ;
YEMEJE:	**ADOPTS:**	**DOPTE :**
UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE	**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**	**CHAPITRE PREMIER : DES DISPOSITIONS GENERALES**
Ingingo ya mbere:	**Article one:**	**Article premier :**
Iri tegeko rigena inshingano**,** imiterere n'imikorere ya Komisiyo y'Igihugu yo Kurwanya Jenoside yitwa "Komisiyo" mu ngingo zikurikira.	This Law determines the attributions, organization and the structure of the National Commission for the fight against genocide, hereinafter called "the Commission".	La présente loi détermine les attributions, l'organisation et le fonctionnement de la Commission Nationale de Lutte contre le Génocide, ci-après dénommée « la Commission ».
Ingingo ya 2:	**Article 2:**	**Article 2 :**
Komisiyo ni urwego rw' Igihugu rwigenga ruhoraho**.** Ifite ubuzimagatozi n'ubwisanzure mu micungire y'abakozi n'umutungo.	The Commission is a national, independent and permanent institution. It has a legal status and administrative and financial autonomy.	La Commission est une institution nationale autonome et permanente. Elle est dotée d'une personnalité juridique et d'une autonomie de gestion administrative et financière.
Komisiyo ikorana by'umwihariko na Minisiteri ifite kwibuka jenoside mu nshingano zayo.	The Commission shall particularly collaborate with the Ministry in charge of genocide memory.	La Commission collabore particulièrement avec le Ministère ayant la mémoire du génocide dans ses attributions.

Ingingo ya 3:

Icyicaro cya Komisiyo kiri mu Mujyi wa Kigali, Umurwa Mukuru wa Repubulika y'u Rwanda. Gishobora kwimurirwa ahandi hose mu Rwanda igihe bibaye ngombwa.

Komisiyo ishobora kugira amashami ahandi hose mu Gihugu bibaye ngombwa kugira ngo igere ku nshingano zayo, byemejwe n'Iteka rya Minisitiri w'Intebe.

Article 3:

The headquarters of the Commission is located in the City of Kigali, the Capital of the Republic of Rwanda. It may be transferred elsewhere on the Rwandan territory if considered necessary.

The Commission may have branches elsewhere in the country if considered necessary, upon approval by an Order of the Prime Minister, in order to fulfil its responsibilities.

Article 3 :

Le siège de la Commission est établi dans la Ville de Kigali, Capitale de la République du Rwanda. Il peut, en cas de nécessité, être transféré en tout autre lieu du territoire national.

La Commission peut, en cas de nécessité, établir des branches en tout autre lieu du territoire national sur Arrêté du Premier Ministre pour mieux s'acquitter de sa mission.

UMUTWE WA II: INSHINGANO N'UBUBASHA

Ingingo ya 4:

Inshingano za Komisiyo ni izi zikurikira :

1° gushyiraho uburyo buhoraho bwo kungurana ibitekerezo ku byerekeye jenoside, ingaruka zayo n'ingamba zigamije kuyirinda no kuyirandurana n'imizi;
2° gushyiraho ikigo cy'ubushakashatsi, ububikoshakiro n'isomero ry'inyandiko zerekeye jenoside;
3° kuvuganira abacitse ku icumu rya jenoside haba mu Gihugu cyangwa hanze yacyo;

CHAPTER II: MISSION AND POWERS

Article 4:

The Commission's mission shall be as follows:

1° to put in place a permanent framework for the exchange of ideas on genocide, its consequences and the strategies for its prevention and eradication;
2° to initiate the creation of a national research and documentation centre on genocide;
3° to advocate for the cause of genocide survivors both within the country or abroad;

CHAPITRE 2 : DES ATTRIBUTIONS ET DES POUVOIRS

Article 4 :

Les attributions de la Commission sont les suivantes :

1° organiser une réflexion permanente sur le génocide, ses conséquences et les stratégies de sa prévention et de son éradication ;
2° mettre en place un centre de recherche et de documentation sur le génocide ;
3° plaider la cause des rescapés du génocide à l'intérieur comme à l'extérieur du pays ;

4° gutegura no guhuza ibikorwa byose bigamije kwibuka jenoside yo mu 1994;	4° to plan and coordinate all activities aimed at commemorating the 1994 genocide;	4° concevoir et coordonner toutes les activités en vue de perpétuer la mémoire du génocide de 1994 ;
5° gushyiraho ingamba zo gukumira no kurwanya jenoside n'ingengabitekerezo yayo;	5° to elaborate and put in place strategies that are meant for fighting genocide and its ideology;	5° arrêter les stratégies de lutte contre le génocide et l'idéologie génocidaire ;
6° gushakira imfashanyo abacitse ku icumu rya jenoside no gukomeza ubuvugizi ku kibazo cy'indishyi;	6° to seek for assistance for genocide survivors and pursue advocacy as to the issue of compensation;	6° mobiliser des aides en faveur des rescapés du génocide et continuer le plaidoyer pour les dommages et intérêts ;
7° gushyiraho ingamba zo kurwanya abahakana n'abapfobya jenoside;	7° to elaborate and put in place strategies that are meant for fighting revisionism, negationism and trivialization;	7° arrêter les stratégies de lutte contre le révisionnisme, le négationnisme et la banalisation du génocide ;
8° gushyiraho ingamba zo guhangana n'ingaruka za jenoside, nk'ihungabana n'izindi ndwara zatewe na jenoside;	8° to elaborate and put in place strategies meant to solve genocide consequences such as trauma and other diseases which resulted from genocide;	8° arrêter les stratégies de lutte contre les conséquences du génocide, tel que le traumatisme et autres maladies qui découlent du génocide;
9° gufatanya n'izindi nzego z'Igihugu cyangwa z'amahanga bisangiye intego.	9° to cooperate with other national or international organs with similar mission.	9° entretenir des relations avec d'autres institutions nationales ou internationales qui partagent la même mission.

<u>Ingingo ya 5</u>:

Komisiyo ifite ububasha bwo gukora ibikorwa byose bya ngombwa bikenewe kugira ngo yuzuze inshingano zayo mu buryo buteganywa n'iri tegeko n'andi mategeko. Ubwo bubasha ni ubu bukurikira:
1º kuburana mu nkiko;
2º kugira umutungo bwite;
3º kugirana amasezerano n'abandi.

<u>Article 5</u>:

The Commission shall have full powers to perform any necessary activity for the sake of achieving its mission in accordance with the provisions of this law and other laws and regulations. Such powers shall relate to the following:
1° appearing before court;
2° having its own property;
3° signing contracts with others.

<u>Article 5</u> :

La Commission a les pouvoirs de faire toutes les activités nécessaires en vue de s'acquitter de sa mission conformément à la présente loi et aux autres lois. Ces pouvoirs sont les suivants :

1° ester en justice ;
2° avoir son propre patrimoine ;
3° conclure des contrats avec des tiers.

UMUTWE WA III : IMITERERE N'IMIKORERE BYA KOMISIYO

Ingingo ya 6 :

Komisiyo y'Igihugu yo Kurwanya Jenoside igizwe n'inzego zikurikira:

1° Inama y'Abakomiseri;
2° Ubunyamabanga Nshingwabikorwa;
3° Inama Ngishwanama.

Icyiciro cya mbere: Inama y'Abakomiseri

Ingingo ya 7:

Inama y'Abakomiseri ni rwo rwego rukuru mu miyoborere ya Komisiyo. Igizwe n'abantu barindwi (7) barimo Perezida na Visi Perezida, bazwiho ubumenyi, ubushishozi n'ubwangamugayo, bafasha Komisiyo kugera ku nshingano zayo; bashyirwaho n'Iteka rya Perezida, bamaze kwemezwa na Sena. Nibura mirongo itatu ku ijana (30%) by'abagize Inama y'Abakomiseri bagomba kuba ari abagore.

CHAPTER III: ORGANISATION AND FUNCTIONING OF THE COMMISSION

Article 6:

The National Commission for the Fight against Genocide shall have the following organs:

1° a Commissioners' Council;
2° an Executive Secretariat;
3° an Advisory Council.

Section One: The Commissioners' Council

Article 7:

The Commissioners' Council shall be the supreme organ in the Commission's management. It shall be comprised of seven (7) members including the Chairperson and the Vice Chairperson characterised by technical know how, wisdom and integrity, who enable the Commission to achieve its mission; who are appointed by a Presidential Order upon approval by the Senate. At least thirty (30%) percent of the members of the Commissioner's Council shall be women.

CHAPITRE III : DE L'ORGANISATION ET DU FONCTIONNEMENT DE LA COMMISSION

Article 6 :

La Commission Nationale de Lutte contre le Génocide est composée des organes suivants :

1° le Collège des Commissaires ;
2° le Secrétariat Exécutif ;
3° le Conseil Consultatif.

Section première : Du Collège des Commissaires

Article 7 :

Le Collège des Commissaires est l'organe suprême d'administration de la Commission. Il est composé de sept (7) personnes, dont le Président et le Vice-président, réputées avoir les capacités intellectuelles, la sagesse et l'intégrité et qui permettent à la Commission d'atteindre sa mission. Elles sont nommées par Arrêté Présidentiel, après approbation du Sénat. Au moins trente (30%) des Commissaires doivent être du sexe féminin.

Abagize Inama y'Abakomiseri bafite manda y'imyaka ine (4) ishobora kongerwa inshuro imwe gusa.

Kuba umwe mu bagize Inama y'Abakomiseri ntibibuza kugira undi murimo uhemberwa.

Ingingo ya 8:

Inama y'Abakomiseri ifite inshingano zikurikira:

1ºgukurikirana ishyirwa mu bikorwa rya politiki y'Igihugu yerekeye kwibuka jenoside;
2ºgukurikirana imicungire y'umutungo wa Komisiyo;
3ºkwemeza igenamigambi n'iteganyabikorwa rya buri mwaka bya Komisiyo;
4ºkwemeza imbanzirizamushinga w'ingengo y'imari ya buri mwaka ya Komisiyo;
5ºgusuzuma no kwemeza raporo y'ibikorwa bya buri mwaka;
6ºkwemeza impano, inkunga n'indagano bya Komisiyo;
7ºkwemeza umushinga w'itegeko ngengamikorere rya Komisiyo;
8ºgukurikirana imikorere y'Ubunyamabanga Nshingwabikorwa bwa Komisiyo;

Members of the Commissioners' Council shall serve for a term of four (4) years, which may be renewable only once.

Being a member of the Commissioners' Council may not prevent them from occupying other remunerated positions.

Article 8:

The Commissioners' Council shall have the following responsibilities:

1° to make a follow up on the implementation of the National Policy in relation to genocide memory;
2° to monitor the management of the Commission;
3° to approve the Commission's annual planning and plan of action;
4° to approve the Commission's draft annual budget;
5° to examine and approve the Commission's annual activity report;
6° to approve the Commission's donations, grants and bequest;
7° to approve the Commission's draft internal rules and regulations;
8° to follow up and monitor the management of the Commission's property;

Les membres du Collège des Commissaires ont un mandat de quatre (4) ans renouvelable une seule fois.

Les membres du Collège des Commissaires peuvent exercer d'autres fonctions rémunérables.

Article 8 :

Le Collège des Commissaires a les attributions suivantes :

1° assurer le suivi de la politique nationale relative à la mémoire du génocide ;
2° assurer le suivi de la gestion du patrimoine de la Commission ;
3° approuver le plan stratégique et le plan d'action annuels de la Commission ;
4° adopter l'avant-projet de budget annuel de la Commission ;
5° examiner et approuver le rapport d'activités annuelles ;
6° approuver les dons, les subventions et les legs de la Commission ;
7° adopter le projet de règlement d'ordre intérieur de la Commission ;
8° assurer le contrôle du fonctionnement du Secrétariat Exécutif de la Commission ;

9ºgutegura no gushyikiriza buri mwaka Inteko Ishinga Amategeko na Guverinoma porogaramu na raporo z'ibikorwa byayo, ikagenera kopi izindi nzego.	9° to monitor the performance of the Executive Secretariat of the Commission.	9° élaborer et soumettre chaque année le programme et le rapport d'activités au Parlement et au Gouvernement et en réserver copie aux autres instances.
Ntibyemewe ku bagize Inama y'Abakomiseri cyangwa ibigo bafitemo imigabane gukora umurimo uhemberwa muri Komisiyo.	It is not allowed for the members of the Commissioner's Council or companies in which they are shareholders to perform any remunerated work in the Commission.	Il est interdit aux membres du Collège des Commissaires ou aux sociétés dont ils sont associés d'exercer des fonctions rémunérées au sein de la Commission.
Ingingo ya 9:	**Article 9:**	**Article 9** :
Inama y'Abakomiseri iterana buri gihembwe n'igihe cyose bibaye ngombwa itumijwe na Perezida wayo cyangwa Visi Perezida igihe Perezida adahari, babyibwirije cyangwa bisabwe mu nyandiko nibura na batatu (3) mu bayigize. Ubutumire bukorwa mu nyandiko ishyikirizwa abagize inama y'Abakomiseri hasigaye nibura iminsi cumi n'itanu (15) ngo inama iterane. Icyakora, Inama idasanzwe itumizwa mu nyandiko hasigaye nibura iminsi itanu (5) kugira ngo iterane.	The meeting of the Commissioners' Council shall be held once in every term and at any time it is considered necessary after upon invitation by its Chairperson or its Vice Chairperson, in case of absence of its Chairperson, at own initiative, or upon a written request by three of its members. The invitation shall be in writing to be submitted to the Commissioners' Council at least fifteen (15) days before the meeting is held. However, the extra ordinary meeting shall be convened in writing at least five (5) days before the meeting is held.	Le Collège des Commissaires se réunit une fois par trimestre et chaque fois que de besoin sur convocation de son Président ou de son Vice-président en cas d'absence du Président, de leur propre initiative ou à la demande écrite de trois (3) de ses membres. La convocation est faite par notification écrite et doit parvenir aux membres du Collège des Commissaires au moins quinze (15) jours avant la tenue de la réunion. Néanmoins, en cas de réunion extraordinaire, la convocation se fait par notification écrite au moins cinq (5) jours avant sa tenue.
Iyo umubare wa ngombwa kugira ngo inama iterane utuzuye, inama irasubikwa, igatumizwa kandi igaterana mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15).	In case the quorum is not reached, the meeting shall be postponed and convened and held in a period not exceeding fifteen (15) days.	Lorsque le quorum n'est pas atteint, la réunion est reportée. Elle est convoquée et se réunit dans un délai ne dépassant pas quinze (15) jours.

Mu byigwa n'Inama y'Abakomiseri mu gihembwe cya mbere cy'umwaka harimo kwemeza raporo y'ibikorwa n'imikoreshereze y'umutungo mu mwaka urangiye; mu gihembwe cya gatatu hakabamo gahunda yo gusuzuma umushinga w'ingengo y'imari na gahunda y'ibikorwa by'umwaka utaha.	Items to be examined by the meeting of the Commissioners' Council in the first term of the year shall include approval of the activity report and the use of the property in the previous year. In the third term, there shall be included the examination of the draft of the annual Budget and the plan of action of the following year. Also, in every term, the Commissioners' Council shall examine the financial and activity reports of the previous year; in the third term, there shall be included the examination of the budget proposal and the plan of action of the following year.	A l'ordre du jour du premier trimestre de l'année figurent notamment les points relatifs à l'approbation du rapport d'activités et au rapport de gestion du patrimoine pour l'exercice précédent ; les points à examiner au cours du troisième trimestre comprennent notamment l'examen du projet de budget et du programme d'activités pour l'exercice suivant.
Buri gihembwe kandi igomba gusuzuma raporo y'imari n'iy'ibikorwa byerekeranye n'igihembwe kirangiye igashyikirizwa Minisitiri ufite kwibuka jenoside mu nshingano ze.	Also, in every term, it shall examine the financial and the activity reports relating to the previous term and be transmitted to the Minister in charge of genocide memory.	Chaque trimestre, le Collège des Commissaires doit également examiner le rapport financier et le rapport d'activités pour le trimestre écoulé et le soumettre au Ministre ayant la mémoire du génocide dans ses attributions.
Uburyo inama iterana n'uburyo iyoborwa biteganywa n'amategeko ngengamikorere ya Komisiyo.	The procedures through which the meeting is held and chaired and the mode of taking decisions shall be determined by the Internal Rules and Regulations of the Commission.	Les modalités de convocation et de tenue de réunion sont prévues par le règlement d'ordre intérieur de la Commission.
Ingingo ya 10:	**Article 10:**	**Article 10 :**
Inama y'Abakomiseri ifata ibyemezo ku bwumvikane busesuye. Iyo bidashobotse ibyemezo bifatwa ku bwiganze burunduye bw'amajwi y'abari mu nama.	Decisions of the commissioners' Council shall be taken by consensus or, otherwise, by absolute majority of the members present.	Les décisions du Collège des Commissaires sont prises par consensus et dans le cas contraire, elles sont prises à la majorité absolue.

Ingingo ya 11:

Inyandiko y'ibyemezo by'inama y'Inama y'Abakomiseri ishyirwaho umukono n'abayigize bitabiriye inama ikirangira. Bikamenyeshwa Minisitiri ufite kwibuka jenoside mu nshingano ze mu gihe kitarenze iminsi itanu (5) uhereye ku munsi byafatiweho.

Iyo iminsi cumi n'itanu (15) ishize ntacyo arabivugaho, ibyemezo by'inama y'Inama y'Abakomeseri biba byemejwe burundu.

Minisitiri ufite kwibuka jenoside mu nshingano ze ashobora guhagarika mu nyandiko ishyirwa mu bikorwa ry'icyemezo mu gihe asanze kibangamiye amategeko, inyungu rusange cyangwa iza Komisiyo.

Iyo nyandiko igomba kugaragaza impamvu y'ihagarikwa ry'ishyirwa mu bikorwa ry'icyo cyemezo.

Ingingo ya 12:

Inyandikomvugo y'inama y'Inama y'Abakomiseri ikorwa n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa Komisiyo.
Ishyirwaho umukono na Perezida n'Umwanditsi cyangwa Visi Perezida n'Umwanditsi iyo Perezida adahari.

Article 11:

The document of the decisions of the meeting of the Commissioners' Council shall be signed by its members immediately upon its completion, and its copy shall be sent to the Minister in charge of genocide memory in a period not exceeding five (5) days.

If a period of fifteen (15) days elapses without the reaction by the Minister, the decisions of Commissioners' Council shall be definitively approved.

The Minister in charge of genocide memory may, in writing, suspend the implementation of a decision which is prejudicial to the law, the general interest or the Commission's interest.

Such a measure shall provide the grounds for the suspension of the implementation of the decision.

Article 12:

The minutes of the meeting of the Commissioners' Council shall be prepared by the Executive Secretary of the Commission. It shall be signed by the Chairperson and the Rapporteur or by the Vice-Chairperson and the Rapporteur in case of absence of the Chairperson.

Article 11 :

Le document des décisions de la réunion du Collège des Commissaires est immédiatement signé par ses membres après la séance et transmis au Ministre ayant la mémoire du génocide dans ses attributions dans un délai ne dépassant pas cinq (5) jours à dater de sa signature.

A l'expiration de quinze (15) jours sans avis du Ministre, les décisions de la réunion du Collège des Commissaires sont réputées définitives.

Le Ministre ayant la mémoire du génocide dans ses attributions peut, par écrit, suspendre la mise en application d'une décision lorsque cette dernière n'est pas conforme à la loi, à l'intérêt général ou aux intérêts de la Commission.

Cette mesure doit indiquer les motifs de suspension de la mise en application de la décision.

Article 12 :

Le procès-verbal de la réunion du Collège des Commissaires est rédigé par le Secrétaire Exécutif de la Commission. Il est conjointement signé par le Président et le rapporteur ou par le Vice-président ou le rapporteur en l'absence du Président.

Kopi y'inyandikomvugo ishyikirizwa Minisitiri ufite kwibuka jenoside mu nshingano ze mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15) guhera umunsi yemerejweho.

Its copy shall be sent to the Minister in charge of genocide memory in a period not exceeding fifteen (15) days from its approval.

La copie du procès-verbal est soumise au Ministre ayant la mémoire du génocide dans ses attributions endéans quinze (15) jours à compter du jour de son approbation.

Ingingo ya 13:

Ibigenerwa abagize Inama y'Abakomiseri bigenwa n' Iteka rya Perezida.

Article 13:

The Directors' fees for Commissioners' Council members shall be specified by a Presidential Order.

Article 13 :

Les avantages accordés aux membres du Collège des Commissaires sont déterminés par Arrêté Présidentiel.

Ingingo ya 14:

Inama y'Abakomiseri ishobora gutumira mu nama yayo umuntu wese ibona ashobora kuyungura inama ku ngingo runaka ifite ku murongo w'ibyigwa. Uwatumiwe ntiyemerewe gutora no gukurikira iyigwa ry'izindi ngingo ziri ku murongo w'ibyigwa.

Article 14:

The Commissioner's Council may invite, in its meeting, any person from whom it may seek advice on a certain issue on the agenda. The invitee shall not be allowed to vote and to follow the debates of other issues on the agenda.

Article 14 :

Le Collège des Commissaires peut inviter à ses séances toute personne qu'il désire consulter sur l'un des points à l'ordre du jour. La personne invitée n'a pas de voix délibérative et participe uniquement aux débats concernant le point sur lequel elle est consultée.

Ingingo ya 15:

Ugize inama y'Abakomiseri ava muri uwo mwanya iyo:

1° manda ye irangiye;
2° yeguye akoresheje inyandiko ;
3° atagishoboye gukora imirimo ye kubera ubumuga bw'umubiri cyangwa uburwayi bwo mu mutwe, byemejwe na muganga wemewe na Leta;

Article 15:

A member of the Commissioners' Council shall leave such an office if:

1° his or her term of office expires;
2° he or she resigns in writing;
3° he or she is no longer able to perform his or her duties due to physical or mental disability certified by a government authorized medical doctor;

Article 15 :

Un membre du Collège des Commissaires perd la qualité de membre dans les cas suivants :

1° expiration du mandat ;
2° démission par notification écrite;
3° incapacité physique ou mentale constatée par un médecin agréé ;

4° akatiwe burundu igihano cy'igifungo kingana cyangwa kirengeje amezi atandatu (6) nta subikagihano;

5° asibye inama inshuro eshatu (3) zikurikirana mu mwaka umwe nta mpamvu zifite ishingiro;

6° bigaragaye ko atacyujuje ibyashingiweho ashyirwa mu Nama y'Abakomiseri ;

7° agaragaje imyitwarire itajyanye n'inshingano ze;

8° abangamira inyungu za Komisiyo;

9° yireze akiyemerera icyaha cya jenoside ;

10° agaragaraho ibimenyetso by'ingengabitekerezo ya Jenoside ;

11° apfuye.

Ingingo ya 16 :

Inama y'Abakomiseri ni yo igaragariza mu nyandiko Minisitiri ufite kwibuka jenoside mu nshingano ze ko umwe mu bayigize atakiri mu mwanya we. Minisitiri abimenyesha urwego rubishinzwe, uwo Mukomiseri agasimburwa mu gihe kitarenze iminsi mirongo icyenda (90).

Ushyizweho muri ubwo buryo arangiza manda y'uwo asimbuye.

4° definitively sentenced to a term of imprisonment equal to or more than six (6) months without any suspension of the sentence;

5° he or she is absent in meetings for three (3) consecutive times in a year with no justified reasons;

6° he or she no longer fulfils the requirements considered at the time of his or her appointment in the Commissioners' Council;

7° he or she demonstrates behaviours contrary to his or her responsibilities;

8° he or she jeopardizes the interests of the Commission;

9° he or she confesses and pleads guilty to the crime of genocide;

10° he or she is characterized by genocide ideology;

11° he or she dies.

Article 16:

The Commissioners' Council shall indicate in writing to the Minister in charge of genocide memory whether one of its members is not in his or her position. The Minister shall notify the relevant organ, and the Commissioner shall be replaced in a period not exceeding ninety (90) days.

The appointee shall complete the remaining term of office.

4° condamnation définitive à une peine d'emprisonnement supérieure ou égale à (6) mois sans sursis ;

5° trois (3) absences consécutives dans une année aux réunions sans raisons valables ;

6° constat qu'il ne remplit plus les conditions pour lesquelles il avait été nommé membre du Collège des Commissaires;

7° comportement incompatible avec ses fonctions ;

8° agissement contre les intérêts de la Commission ;

9° aveu et plaidoyer de culpabilité pour crime de génocide ;

10° s'il fait montre de l'idéologie du génocide ;

11° décès.

Article 16 :

Le Collège des Commissaires indique au Ministre ayant la mémoire du génocide dans ses attributions que le poste d'un de ses membres est vacant. Le Ministre en informe l'instance habilitée et ce Commissaire est remplacé endéans quatre vingt dix (90) jours.

Le nouveau membre ainsi nommé termine le mandat de celui qu'il a remplacé.

Ingingo ya 17 :

Umunyamabanga nshingwabikorwa ajya mu nama z`Inama y`Abakomiseri, akayibera umwanditsi. Icyakora mu ifatwa ry'ibyemezo ntatora.

Article 17:

The Executive Secretary shall attend the meeting of the Commissioners' Council and act as its Rapporteur. However, he or she shall have no voting right during the decision making process.

Article 17 :

Le Secrétaire Exécutif participe aux réunions du Collège des Commissaires et en est le rapporteur. Toutefois, il n'a pas de voix délibérative.

Ingingo ya 18:

Perezida w'Inama y' Abakomiseri ashinzwe ibi bikurikira:

1° guhagararira Komisiyo imbere y'amategeko;
2° gutumiza no kuyobora inama y'Abakomiseri;
3° gushyikiriza, mu gihembwe cya mbere cy'umwaka, Inteko Ishinga Amategeko na Guverinoma porogaramu na raporo z'ibikorwa byayo, akagenera kopi Urukiko rw'Ikirenga n'Ubushinjacyaha Bukuru bwa Repubulika;
4° guhagararira Komisiyo mu Rwanda no mu mahanga;
5° gutanga izindi raporo za Komisiyo igihe cyose bibaye ngombwa.

Article 18:

The Chairperson of the Commissioners' Council shall have the following responsibilities:

1° to represent the Commission before the Law;
2° to convene and chair commissioners' meetings;
3° to submit, each year, the Commission's program and activity report to the Parliament and the Government with a copy to the Supreme Court and the National Prosecution Service;
4° to represent the Commission within and outside the country;
5° to submit other reports of the Commission's activities whenever so required.

Article 18 :

Le Président du Collège des Commissaires est chargé de :

1° représenter la Commission devant la loi ;
2° convoquer et diriger les réunions du Collège des Commissaires ;
3° adresser au cours du premier trimestre de chaque année le programme et le rapport d'activités au Parlement et au Gouvernement et en réserver copie à la Cour Suprême et au Parquet Général de la République ;
4° représenter la Commission au Rwanda et à l'étranger ;
5° donner tous les autres rapports de la Commission chaque fois que de besoin.

Ingingo ya 19:

Visi Perezida w`Inama y` Abakomiseri yunganira Perezida wa Komisiyo akanamusimbura mu mirimo ye igihe adahari .

Article 19:

The Vice-Chairperson shall assist the Chairperson and replace him or her in case of absence.

Article 19 :

Le Vice-président du Collège des Commissaires assiste le Président de la Commission et le remplace dans ses fonctions en son absence.

Icyiciro cya 2 : Ubunyamabanga Nshingwabikorwa

Section 2: The Executive Secretariat

Section 2 : Du Secrétariat Exécutif

Ingingo ya 20 :

Komisiyo ifite Ubunyamabanga Nshingwabikorwa buyoborwa n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa. Umunyamabanga Nshingwabikorwa ashyirwaho n'Iteka rya Minisitiri w'Intebe.

Article 20:

The Commission shall have an Executive Secretariat headed by an Executive Secretary.
The Executive Secretary shall be appointed by a Prime Minister' Order.

Article 20:

La Commission est dotée d'un Secrétariat Exécutif placé sous la direction d'un Secrétaire Exécutif.
Le Secrétaire Exécutif est nommé par Arrêté du Premier Ministre.

Ingingo ya 21:

Mu byo Umunyamabanga Nshingwabikorwa ashinzwe harimo:

1° gushyira mu bikorwa ibyemezo by'Inama y'Abakomiseri;

2° kuyobora imirimo ya buri munsi ya Komisiyo no guhuza ibikorwa byayo byose;

3° gutegura no gushyikiriza Inama y'Abakomiseri imbanzirizamushinga y'ingengo y'imari ya Komisiyo;

Article 21:

The Executive Secretary shall have the following responsibilities:

1° to implement the decisions taken by the Commissioners' Council;

2° to ensure the daily running of the Commission and to coordinate all its activities;

3° to prepare and submit to the Commissioners' Council the draft annual budget for the commission;

Article 21:

Le Secrétaire Exécutif est chargé de :

1° assurer la mise en application des décisions du Collège des Commissaires ;

2° assurer la gestion et la coordination des activités journalière de la Commission ;

3° élaborer et soumettre au Collège des Commissaires l'avant-projet du budget de la Commission ;

4° gutegura no gushyikiriza Inama y'Abakomiseri igenamigambi n'iteganyabikorwa bya Komisiyo;	4° to prepare and submit to the Commissioners' Council the Commission's planning and plan of action;	4° élaborer et soumettre au Collège des Commissaires la planification et le plan d'action de la Commission ;
5° gutegura no gushyikiriza Inama y'Abakomiseri umushinga w'amategeko ngengamikorere ya Komisiyo;	5° to prepare and submit to the Commissioners' Council the Commission's draft internal rules and regulations;	5° élaborer et soumettre au Collège des Commissaires le projet de règlement d'ordre intérieur de la Commission ;
6° gutegura no gushyikiriza Inama y'Abakomiseri raporo y'ibikorwa ya buri mwaka ku mikorere n'imikoreshereze y'ingengo y'imari ya Komisiyo;	6° to prepare and submit to the Commissioners' Council the Commission's annual financial report;	6° élaborer et soumettre au Collège des Commissaires le rapport d'activités annuelles sur le fonctionnement et l'utilisation du budget de la Commission ;
7° gutegura no gukurikirana gahunda z'amahugurwa y'abakozi no kubakorera isuzumamikorere;	7° to prepare and monitor the staff training plan and evaluation;	7° assurer la préparation et le suivi des programmes de formation des agents et faire l'évaluation de leurs performances ;
8° guhuza ibikorwa by'imishinga y'ubushakashatsi bikorwa na Komisiyo;	8° to coordinate all research programs conducted by the Commission;	8° assurer la coordination des activités de projets de recherche effectuées par la Commission ;
9° gufatanya n'izindi nzego z'imirimo za Leta zibishinzwe gushaka inkunga no guteza imbere umubano wa Komisiyo n'abaterankunga;	9° to collaborate with other relevant public institutions with regard to fund mobilization and development of good relations with the commission;	9° œuvrer de concert avec d'autres services de l'Etat concernés à mobiliser des fonds et à développer des relations de la Commission ;
10° gushyira mu bikorwa indi nshingano yahabwa n'Inama y'Abakomiseri.	10° to perform any other duty as may be required by the Commissioners' Council.	10° s'acquitter de toute autre tâche lui assignée par le Collège des Commissaires.
<u>Ingingo ya 22</u>:	**<u>Article 22</u>:**	**<u>Article 22</u>:**
Abakozi ba Komisiyo bashyirwaho hakurikijwe amategeko agenga abakozi ba Leta.	The Commission's staff shall be appointed in accordance with the laws governing Public Service.	Les agents de la Commission sont nommés conformément aux lois régissant la Fonction Publique.

Icyiciro cya III: Inama Ngishwanama

Ingingo ya 23:

Inama Ngishwanama ni urwego rw'Igihugu rushinzwe gutanga inama ku murongo ngenderwaho wa Komisiyo.

Ingingo ya 24:

Inama Ngishwanama igizwe n'abantu bakurikira:

1° Perezida wa Repubulika ;
2° Perezida wa Sena;
3° Perezida w'Umutwe w'Abadepite;

4° Minisitiri w'Intebe;
5° Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga;

6° Abagize Guverinoma ;
7° Abagize Inteko Ishinga Amategeko ;
8° Umuvunyi Mukuru n'Abamwungirije;

9° Abacamanza mu Rukiko rw'Ikirenga ;
10° Umushinjacyaha Mukuru wa Repubulika;
11° Umushinjacyaha Mukuru wa Repubulika wungirije;
12° Umushinjacyaha Mukuru wa Gisirikare;
13° Umushinjacyaha Mukuru wa Gisirikare wungirije;

Section 3: The Advisory Council

Article 23:

The Advisory Council is a national organ entrusted with advising on the guidelines of the Commission.

Article 24:

The Advisory Council shall comprise of the following members:

1° The President of the Republic;
2° The President of the Senate;
3° The Speaker of the Chamber of Deputies;
4° The Prime Minister;
5° The Chairperson of the Supreme Court;
6° The Government Members;
7° The Members of Parliament;
8° The Ombudsman and his or her Deputies;
9° The Judges of the Supreme Court;
10° The Prosecutor General of the Republic;
11° The Deputy Prosecutor General of the Republic;
12° The Auditor General of the Military Court;
13° The Deputy Auditor General of the Military Court;

Section 3 : Du Conseil Consultatif

Article 23 :

Le Conseil Consultatif est l'organe national chargé de définir les orientations et les lignes directrices de la Commission.

Article 24 :

Le Conseil Consultatif est composé de personnalités suivantes :

1° Le Président de la République ;
2° Le Président du Sénat ;
3° Le Président de la Chambre des Députés ;
4° Le Premier Ministre ;
5° Le Président de la Cour Suprême ;

6° Les membres du Gouvernement ;
7° Les membres du Parlement ;
8° L'Ombudsman et ses adjoints ;

9° Les juges à la Cour Suprême ;
10° Le Procureur Général de la République ;
11° Le Procureur Général de la République Adjoint ;
12° L'Auditeur Général de la Cour Militaire ;
13° L'Auditeur Général Adjoint de la Cour Militaire ;

14° Abashinjacyaha ku rwego rw'Igihugu ;	14° The Prosecutors with national competence;	14° Les Procureurs à compétence nationale ;
15° Umugaba Mukuru w'Ingabo z'Igihugu, Umugaba w'Ingabo zirwanira ku butaka n'Umugaba w'Ingabo zirwanira mu Kirere;	15° The Army Chief of General Staff, Army Chief of Staff and Air force Chief of Staff;	15° Le Chef d'Etat Major Général des Forces Rwandaises de Défense, le Chef d'Etat Major des Forces Terrestres, le Chef d'Etat Major des Forces Aériennes ;
16° Komiseri Mukuru wa Polisi y'Igihugu n'Abamwungirije;	16° The Commissioner General of the National Police and his or her Deputies ;	16° Le Commissaire Général de la Police Nationale et ses Adjoints ;
17° Komiseri Mukuru wa Gereza n'Abamwungirije;	17° The Commissioner General of Prisons and his or her Deputies;	17° Le Commissaire Général des Prisons et ses Adjoints ;
18° Umuyobozi w'Urwego rushinzwe Umutekano mu Gihugu;	18° The Head of National Security Service;	18° Le Chef du Service National de Sécurité ;
19° Umuyobozi w'Urwego rushinzwe intwari z'Igihugu n'imidari y'ishimwe;	19° The Chancellor of National Medals;	19° Le Chancelier des Ordres Nationaux ;
20° Abaguverineri b`Intara n`Umuyobozi w`Umujyi wa Kigali ;	20° The Provincial Governors and the Kigali City Mayor;	20° Les Gouverneurs des Provinces et le Maire de la Ville de Kigali ;
21° Abayobozi b'Uturere ;	21° The District Mayors;	21° Les Maires des Districts ;
22° Abakomiseri muri Komisiyo y'Igihugu yo Kurwanya Jenoside;	22° The Commissioners of the National Commission for the fight against genocide;	22° Les Commissaires de la Commission Nationale de Lutte contre le Génocide ;
23° Abantu batanu(5) bahagarariye imiryango itegamiye kuri Leta ifite mu nshingano zayo kurwanya jenoside n'ingengabitekerezo yayo;	23° Five (5) Members chosen from NGOs entrusted with fighting genocide and its ideology in their mandate;	23° Cinq (5) personnes représentant les organisations non gouvernementales ayant la lutte contre le génocide et son idéologie dans leurs attributions ;
24° Abantu batanu (5) bahagarariye amashyirahamwe y'abacitse ku icumu rya jenoside;	24° Five (5) Members representing genocide survivor's associations;	24° Cinq (5) personnes représentant les associations des rescapés du génocide ;
25° Abakomiseri muri Komisiyo y`Ubumwe n`Ubwiyunge;	25° The Commissioners of the National Unity and Reconciliation Commission;	25° Les Commissaires de la Commission Nationale pour l'Unité et la Réconciliation ;

26° Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa Komisiyo y'Igihugu yo Kurwanya Jenoside;	26° The Executive Secretary of the National Commission for the fight against genocide;	26° Le Secrétaire Exécutif de la Commission Nationale de Lutte contre le Génocide ;
27° Abakomiseri bo muri Komisiyo y`Uburenganzira bwa muntu;	27° The Commissioners of the National Human Rights Commission;	27° Les Commissaires de la Commission Nationale des Droits de l'Homme ;
28° Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge;	28° The Executive Secretary of the National Unity and Reconciliation Commission;	28° Le Secrétaire Exécutif de la Commission Nationale pour l'Unité et la Réconciliation ;
29° Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Urwego rw`Igihugu rushinzwe igihano nsimburagifungo cy'imirimo ifitiye Igihugu akamaro;	29° The Executive Secretary of Community Service as an alternative penalty to imprisonment;	29° Le Secrétaire Exécutif du Service National des Travaux d'Intérêt Général ;
30° Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'urwego rw'Igihugu rushinzwe Inkiko Gacaca;	30° The Executive Secretary of the Service of Gacaca Courts;	30° Le Secrétaire Exécutif du Service National des Juridictions Gacaca ;
31° Abayobozi ba za Kaminuza n`amashuri makuru ya Leta n'ayigenga;	31° The Rectors of public and private Universities and Higher Institutions;	31° Les Recteurs des universités et institutions d'enseignement supérieur publiques et privées ;
32° Umuhuzabikorwa ku rwego rw'Igihugu w'Inama y'Igihugu y`Abagore ;	32° The National coordinator of the National Women's Council;	32° La Coordinatrice du Conseil National des Femmes au niveau national ;
33° Umuhuzabikorwa ku rwego rw'Igihugu w'Inama y'Igihugu y`Urubyiruko ;	33° The National Coordinator of the Rwanda National Youth Council;	33° Le Coordinateur du Conseil National de la Jeunesse au niveau national ;
34° Abahagarariye imitwe ya politiki yemewe mu Rwanda;	34° The Representatives of political parties legally operating in the Country;	34° Les représentants des partis politiques reconnus au Rwanda ;
35° Abahagarariye amadini yemewe n'amategeko;	35° The Representatives of religious denominations legally operating in the Country;	35° Les représentants des confessions religieuses reconnues au Rwanda;
36° Undi wese Perezida wa Repubulika yayitumiramo.	36° Any other person who may be invited by the President of the Republic to attend the meeting.	36° Toute autre personne que le Président de la République peut inviter à participer au Conseil Consultatif.

Ingingo ya 25:

Inama Ngishwanama itumizwa kandi ikayoborwa na Perezida wa Repubulika cyangwa undi yagena.

Inama Ngishwanama iterana rimwe mu myaka ibiri ariko ishobora no gutumizwa n'ikindi gihe bibaye ngombwa.

UMUTWE WA IV: UMUTUNGO N'IMARI

Ingingo ya 26:

Umutungo wa Komisiyo ugizwe n'ibintu byimukanwa n' ibitimukanwa.

Ukomoka kuri ibi bikurikira:

1° ingengo y'Imari igenerwa na Leta;
2° inkunga zaba iza Leta cyangwa iz'abaterankunga;
3° ibituruka ku mirimo ikora;

4° inyungu ku mutungo wayo;
5° impano n'indagano.

Ingingo ya 27:

Umutungo wa Komisiyo ukoreshwa gusa mu kuzuza inshingano zayo.

Article 25:

The President of the Republic or his or her delegate shall convene and chair the meeting of the Advisory Council.

The meeting of the Advisory Council shall meet once every two years but may be convened at any other time it is necessary.

CHAPTER IV: PROPERTY AND FINANCES

Article 26:

The Patrimony of the Commission comprises the movables and immovables:

It comes from the following:

1◦ the national budget;
2◦ government or donor subsidies;

3◦ proceeds from its services;

4◦ proceeds from its capital;
5◦ donation and bequest.

Article 27:

The Commission's property shall only be used on activities that are meant for achieving its mission.

Article 25 :

Le Conseil Consultatif est convoqué et présidé par le Président de la République ou toute autre personne qu'il peut désigner.

Le Conseil Consultatif se réunit une fois les deux ans mais peut également se réunir chaque fois que de besoin.

CHAPITRE IV : DU PATRIMOINE ET DES FINANCES

Article 26 :

Le patrimoine de la Commission comprend les biens meubles et immeubles.

Il provient des sources suivantes :

1° les dotations budgétaires de l'Etat ;
2° les subventions de l'Etat ou des donateurs ;
3° le produit des services prestés par la Commission ;
4° les revenus de son patrimoine ;
5° les dons et legs.

Article 27 :

Le patrimoine de la Commission n'est utilisé que dans la réalisation de sa mission.

Imicungire, imikoreshereze n'imigenzurire by'umutungo wa Komisiyo bikorwa hakurikijwe amategeko abigenga.

The management, utilization and auditing of the Commission's property shall be conducted in accordance with the provisions of the laws and regulations thereto related.

La gestion, l'utilisation et l'audit du patrimoine de la Commission sont effectués conformément aux lois et règlements en la matière.

Ingingo ya 28:

Igenzura ry'umutungo wa Komisiyo rikorwa na:

1° Ubugenzuzi bwite bwa Komisiyo;
2° Ubugenzuzi bukuru bw'imari ya Leta.

Article 28:

The auditing of the Commission's property shall be conducted by the following:

1° the Commission's Internal Audit;
2° the Office of Auditor General of State Finances.

Article 28 :

L'audit du patrimoine de la Commission est effectué par :

1° l'audit interne de la Commission ;
2° l'Office de l'Auditeur Général des Finances de l'Etat.

Ingingo ya 29:

Raporo y'ubugenzuzi bwite bwa Komisiyo ishyikirizwa Minisitiri ufite kwibuka jenoside mu nshingano ze mu gihe kitarenze amezi atatu (3) kuva umwaka w'ibaruramari ukurikira uwagenzuwe utangiye.

Article 29:

The Commission's internal audit report shall be submitted to the Ministry in charge of genocide memory in a period not exceeding three (3) months as of the beginning of the financial year following the concerned year.

Article 29 :

Le rapport de l'audit interne de la Commission est soumis au Ministre ayant la mémoire du génocide dans ses attributions endéans trois (3) mois dès le début de l'exercice comptable suivant l'exercice budgétaire écoulé.

UMUTWE WA V: INGINGO ZISOZA

CHAPTER V: FINAL PROVISIONS

CHAPITRE V : DES DISPOSITIONS FINALES

Ingingo ya 30:

Ingingo zose z'amategeko abanziriza iri kandi zinyuranye na ryo zivanyweho.

Article 30:

All previous legal provisions contrary to this law are hereby abrogated.

Article 30 :

Toutes les dispositions légales antérieures contraires à la présente loi sont abrogées.

Ingingo ya 31:

Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, kuwa 16/02/2007

Perezida wa Repubulika
KAGAME Paul
(sé)

Minisitiri w'Intebe
MAKUZA Bernard
(sé)

Minisitiri w'Urubyiruko,Umuco na Siporo
HABINEZA Joseph
(sé)

Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo
Prof. NSHUTI Manasseh
(sé)

Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi
MUSONI James
(sé)

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika :
Minisitiri w'Ubutabera
KARUGARAMA Tharcisse
(sé)

Article 31:

This law shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on 16/02/2007

The President of the Republic
KAGAME Paul
(sé)

The Prime Minister
MAKUZA Bernard
(sé)

The Minister of Youth, Culture and Sports
HABINEZA Joseph
(sé)

The Minister of Public Service and Labour
Prof. NSHUTI Manasseh
(sé)

The Minister of Finance and Economic Planning
MUSONI James
(sé)

Seen and Sealed with Seal of the Republic:
The Minister of Justice
KARUGARAMA Tharcisse
(sé)

Article 31 :

La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le 16/02/2007

Le Président de la République
KAGAME Paul
(sé)

Le Premier Ministre
MAKUZA Bernard
(sé)

Le Ministre de la Jeunesse, de la Culture et des Sports
HABINEZA Joseph
(sé)

Le Ministre de la Fonction Publique et du Travail
Prof. NSHUTI Manasseh
(sé)

Le Ministre des Finances et de la Planification Economique
MUSONI James
(sé)

Vu et scellé du Sceau de la République :
Le Ministre de la Justice
KARUGARAMA Tharcisse
(sé)

ITEGEKO NGENGA Nº 11/2007 RYO KUWA 16/03/2007 RIGENA KWIMURIRA MURI REPUBULIKA Y'U RWANDA IMANZA ZIVUYE MU RUKIKO MPANABYAHA MPUZAMAHANGA RWASHYIRIWEHO U RWANDA N'IZIVUYE MU BINDI BIHUGU.	ORGANIC LAW N° 11/2007 OF 16/03/2007 CONCERNING TRANSFER OF CASES TO THE REPUBLIC OF RWANDA FROM THE INTERNATIONAL CRIMINAL TRIBUNAL FOR RWANDA AND FROM OTHER STATES.	LOI ORGANIQUE N° 11/2007 DU 16/03/2007 RELATIVE AU RENVOI D'AFFAIRES À LA RÉPUBLIQUE DU RWANDA PAR LE TRIBUNAL PÉNAL INTERNATIONAL POUR LE RWANDA ET PAR D'AUTRES ÉTATS.
ISHAKIRO	**TABLE OF CONTENTS**	**TABLE DES MATIERES**
UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE **Ingingo ya 1: Ibirebwa n'iri tegeko ngenga.** **Ingingo ya 2 : Urukiko rufite ububasha bwo kuburanisha izo manza** **Ingingo ya 3: Ibyaha bishobora gukurikiranwa mu nkiko zo mu Rwanda** **Ingingo ya 4: Inyandiko y'ibirego** **Ingingo ya 5: Ifatwa n'ifungwa ry'uregwa**	**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS** **Article 1: Scope of application** **Article 2: Court with competent jurisdiction to try the cases** **Article 3: Crimes triable in Rwanda** **Article 4: Indictment** **Article 5: Arrest and detention of the accused person**	**CHAPITRE PREMIER : DES DISPOSITIONS GENERALES** **Article premier: Champ d'application** **Article 2 : Juridiction compétente** **Article 3 : Crimes susceptibles d'être poursuivis devant les juridiction Rwandaises** **Article 4 : Actes d'accusation** **Article 5 : Arrestation et détention de l'accusé**

Ingingo ya 6: Uburenganzira bwo guhabwa amakuru	**Article 6: Right to information**	**Article 6 : Droit de l'information**
<u>UMUTWE WA II</u>: ITANGWA RY'IBIMENYETSO	**<u>CHAPTER II</u>: PRODUCTION OF EVIDENCE**	**<u>CHAPITRE II</u> : DE LA PRODUCTION DES PREUVES**
Ingingo ya 7: Amahame rusange yerekeye ibimenyetso	**Article 7: General Principles in evidentiary matters**	**Article 7 : Principes généraux de la preuve**
Ingingo ya 8: Ibyabaye byemejwe na TPIR.	**Article 8: Facts established by ICTR**	**Article 8 : Des faits établis par le TPIR**
Ingingo ya 9: Ubuhamya abatanga-buhamya batanze muri TPIR	**Article 9: Evidence provided to ICTR by witnesses**	**Article 9 : Déposition des témoins devant le TPIR**
Ingingo ya 10:Ubuhamya bw'impuguke muri TPIR	**Article 10: Statements by expert witnesses before the ICTR**	**Article 10 : Déclarations des témoins experts devant le TPIR**
Ingingo ya 11 : Ubuhamya bwahawe abakozi ba TPIR mu gihe cy'ipererezа	**Article 11: Testimony provided to ICTR officials during investigations**	**Article 11 : Preuves recueillies par les enquêteurs du TPIR.**
Ingingo ya 12: Inyandiko n'ibimenyetso byatanzwe na muganga ufasha inzego z'ubutabera bigakusanywa na TPIR.	**Article 12: Documents and forensic evidence collected by ICTR**	**Article 12 : Documents et preuves médico-légales recueillis par le TPIR**
<u>UMUTWE WA III</u>: UBURENGANZIRA N'UMUTEKANO	**<u>CHAPTER III</u>: RIGHTS AND SECURITY**	**<u>CHAPITRE III</u> : DES DROITS ET DE LA SECURITE**
Ingingo ya 13 : Uburenganzira bw'urega	**Article 13: Guarantee of rights of an accused person**	**Article 13 : Droits de l'accusé**

Ingingo ya 14 : Umutekano w'abatangabuhamya n'inkunga ibagenerwa	**Article 14: Protection and assistance to witnesses**	**Article 14 : Protection et assistance aux témoins**
Ingingo ya 15 : Ubwunganizi	**Article 15: Defence Counsel**	**Article 15 : Des Conseils de la Défense**
UMUTWE WA IV: UBUJURIRE NO GUSUBIRAMO URUBANZA	**CHAPTER IV: APPEALS AND CASE REVIEW**	**CHAPITRE IV : DE L'APPEL ET DE LA REVISION**
Ingingo ya 16 : Imanza z'ubujurire	**Article 16: Appeals**	**Article 16 : Appel**
Ingingo ya 17: Gusubiramo urubanza	**Article 17: Case Review**	**Article 17 : Révision**
UMUTWE WA V: IMIKORANIRE HAGATI YA LETA Y'U RWANDA NA TPIR NYUMA YO KWIMURA IMANZA	**CHAPTER V: COLLABORATION BETWEEN THE GOVERNMENT OF RWANDA AND THE ICTR SUBSEQUENT TO TRANSFER OF CASES**	**CHAPITRE V : RELATIONS ENTRE LE GOUVERNEMENT DU RWANDA ET LE TPIR APRES LE TRANSFERT D'AFFAIRES**
Ingingo ya 18 : Inkunga ya TPIR mu rwego rwa tekiniki	**Article 18: Technical assistance from the ICTR**	**Article 18 : De l'assistance technique du TPIR**
Ingingo ya 19 : Gukurikirana imanza	**Article19: Monitoring of proceedings**	**Article 19 : Suivi des instances**
Ingingo ya 20 : Kwikura urubanza	**Article 20: Deferral**	**Article 20: Dessaisissement**
UMUTWE WA VI: IBIHANO	**CHAPTER VI: PENALTIES**	**CHAPITRE VI : DES PEINES**
Ingingo ya 21 : Igihano gisumba ibindi	**Article 21: Heaviest penalty**	**Article 21 : Peine maximale**
Ingingo ya 22 : Gukura mu gihano igihe umuntu uhamwe n'icyaha amaze afunze by'agateganyo	**Article 22: Credit for time spent in custody**	**Article 22 : Déduction de la période de détention provisoire**

Ingingo ya 23: Ifungwa	**Article 23: Detention**	**Article 23 : Conditions de détention**
UMUTWE WA VII: INGINGO ZISOZA	**CHAPTER VII: FINAL PROVISIONS**	**CHAPITRE VII : DES DISPOSITIONS FINALES**
Ingingo ya 24 : Ikoreshwa ry'iri tegeko ngenga mu bindi bibazo byerekeye iyimurwa ry'imanza hagati y'u Rwanda n'ibindi bihugu.	**Article 24: Applicability of this law to other matters of transfer between Rwanda and other states**	**Article 24 : Applicabilité de la présente loi à d'autres questions relatives au renvoi d'affaires entre le Rwanda et d'autres États**
Ingingo ya 25 : Iyubahirizwa ry'iri tegeko ngenga	**Article 25 : Application of this Organic Law**	**Article 25: Application de la présente loi**
Ingingo ya 26 Igihe iri tegeko ngenga ritangira gukurikizwa.	**Article 26: Coming into force of this Organic Law**	**Article 26 : Entrée en vigueur de la présente loi organique.**

ITEGEKO NGENGA Nº 11/2007 RYO KUWA 16/03/2007 RIGENA KWIMURIRA MURI REPUBULIKA Y'U RWANDA IMANZA ZIVUYE MU RUKIKO MPANABYAHA MPUZAMAHANGA RWASHYIRIWEHO U RWANDA N'IZIVUYE MU BINDI BIHUGU

Twebwe, KAGAME Paul,
Perezida wa Repubulika;

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO NGENGA RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA.

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:

Umutwe w'Abadepite mu nama yawo yo kuwa 26 Gashyantare 2007;

Umutwe wa Sena, mu nama yawo yo kuwa 13 Gashyantare 2007;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003, nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 62, iya 66, iya 67, iya 88, iya 89, iya 90, iya 92, iya 93, iya 94, iya 95, iya 108, iya 118, iya 143, iya 145, iya 149, iya 160, iya 162, iya 190 n'iya 201;

ORGANIC LAW N° 11/2007 OF 16/03/2007 CONCERNING TRANSFER OF CASES TO THE REPUBLIC OF RWANDA FROM THE INTERNATIONAL CRIMINAL TRIBUNAL FOR RWANDA AND FROM OTHER STATES

We, KAGAME Paul,
President of the Republic;

THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING ORGANIC LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA.

THE PARLIAMENT:

The Chamber of Deputies, in its session of February 26, 2007;

The Senate, in its session of February 13, 2007;

Given the Constitution of the Republic of Rwanda of June 4, 2003 as amended to date, especially in its articles 62, 66, 67, 88, 89, 90, 92, 93, 94, 95, 108, 118, 143, 145, 149, 160, 162, 190 and 201;

LOI ORGANIQUE N° 11/2007 DU 16/03/2007 RELATIVE AU RENVOI D'AFFAIRES A LA REPUBLIQUE DU RWANDA PAR LE TRIBUNAL PENAL INTERNATIONAL POUR LE RWANDA ET PAR D'AUTRES ETATS

Nous, KAGAME Paul,
Président de la République ;

LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI ORGANIQUE DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIEE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA REPUBLIQUE DU RWANDA.

LE PARLEMENT :

La Chambre des Députés, en sa séance du 26 février 2007;

Le Sénat, en sa séance du 13 février 2007 ;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 4 juin 2003 telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 62, 66, 67, 88, 89, 90, 92, 93, 94, 95, 108, 118, 143, 145, 149, 160, 162, 190 et 201;

Ishingiye ku Masezerano y'Umuryango w'Abibumbye yo kuwa 9 Ukuboza 1948 yerekeye gukumira no guhana icyaha cya jenoside yemejwe n'Itegeko- teka n° 08/75 ryo kuwa 12 Gashyantare 1975;	Given United Nations Convention on the Prevention and Punishment of the crime of Genocide of 9 December 1948 ratified by the Decree law n° 08/75 of 12 February 1975;	Vu la Convention des Nations Unies pour la prévention et la répression du crime de génocide du 9 décembre 1948 ratifiée par le décret-loi n° 08/75 du 12 février 1975;
Ishingiye ku Itegeko Ngenga n° 07/2004 ryo kuwa 25/04/2004 rigena imiterere, imikorere n'ububasha by'Inkiko, nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu;	Given Organic Law n° 07/2004 of 25/04/2004 determining the organization, functioning and jurisdiction of courts as modified and complemented to date;	Vu la Loi organique n° 07/2004 du 25/04/2004 portant Code d'organisation, fonctionnement et compétence judiciaires telle que modifiée et complétée à ce jour;
Ishingiye ku Itegeko Ngenga n° 03/2004 ryo kuwa 20/03/2004 rigena imiterere, imikorere n'ububasha bw'Ubushinjacyaha, nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu;	Given Organic Law n° 03/2004 of 20/03/2004 determining the organization, functioning and powers, of the prosecution service as modified and complemented to date;	Vu la Loi organique n° 03/2004 du 20/03/2004 portant organisation, compétence et fonctionnement du Ministère public telle que modifiée et complétée à ce jour;
Imaze kubona Amategeko agenga Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga rwashyiriweho u Rwanda, rwitwa "TPIR" mu ngingo zikurikira, n'amategeko yarwo agenga imiburanishirize n'itangwa ry'ibimenyetso;	Considering Statute of the International Criminal Tribunal for Rwanda (ICTR) and its Rules of Procedure and Evidence;	Considérant le statut du Tribunal Pénal International pour le Rwanda ci-après dénommé « TPIR » ainsi que son Règlement de procédure et de preuve ;
Imaze kubona Ibyemezo by'Inama Ishinzwe Amahoro ku isi, icy'i 1503 cyo mu 2003 n'icy'i 1504 cyo mu 2004 byerekeye kurangiza imirimo ya TPIR, cyane cyane ibyangombwa bisabwa kugira ngo imanza zimwe zo mu Rukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga rwashyiriweho u Rwanda zimurirwe mu nkiko z'ibihugu birimo n'u Rwanda;	Considering United Nations Security Council Resolutions 1503 of 2003 and 1504 of 2004 relating to completion of the mandate of the International Criminal Tribunal for Rwanda, and particularly the requirements to transfer cases from the ICTR to national jurisdictions, including Rwanda;	Considérant les Résolutions 1503 et 1504 du Conseil de Sécurité des Nations Unies respectivement adoptées en 2003 et 2004 et relatives à l'achèvement des travaux du Tribunal Pénal International pour le Rwanda et plus particulièrement les conditions requises pour le transfert de certaines affaires aux juridictions nationales, y compris celles du Rwanda;

YEMEJE:

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

Ingingo ya mbere: Ibirebwa n'iri tegeko ngenga

Iri tegeko ngenga rigena kwimurira muri Repubulika y'u Rwanda imanza zivuye muri TPIR n'izivuye mu bindi bihugu n'ibindi bibazo bijyana n'iryo yimurwa.

Iri tegeko ngenga rinagena uburyo ibimenyetso byakusanyijwe na TPIR byakirwa mu manza ziburanishirizwa mu Rwanda mu Rukiko rubifitiye ububasha.

Ingingo ya 2: Urukiko rufite ububasha bwo kuburanisha izo manza

N'ubwo andi mategeko yabiteganya ukundi, Urukiko Rukuru rwa Repubulika rufite ububasha bwo kuburanisha ku rwego rwa mbere imanza zimuriwe mu Rwanda nk'uko biteganywa n'iri tegeko ngenga.

Ku rwego rwa mbere, urubanza ruburanishwa n'umucamanza umwe.

ADOPTS:

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

Article one: Scope of application

This Organic Law shall regulate the transfer of cases and other related matters, from the International Criminal Tribunal for Rwanda and from other States to the Republic of Rwanda.

This Organic Law shall also determine the procedures of admissibility of evidence in Rwanda collected by the ICTR in proceedings before a competent court.

Article 2: The Court with competent jurisdiction to try the cases

Notwithstanding any other law to the contrary, the High Court of the Republic shall be the competent court to conduct on the first instance the trial of cases transferred to Rwanda as provided by this organic law.

At the first instance, the case shall be tried by a single Judge.

ADOPTE :

CHAPITRE PREMIER : DES DISPOSITIONS GENERALES

Article premier: Du champ d'application

La présente loi organique s'applique au transfert au Rwanda d'affaires provenant du Tribunal Pénal International pour le Rwanda (TPIR) et d'autres pays et à toutes les questions y relatives.

Elle détermine également les modalités d'admissibilité devant les juridictions rwandaises compétentes des preuves recueillies par le TPIR.

Article 2: Juridiction compétente

Nonobstant toutes dispositions légales contraires, la Haute Cour de la République est compétente pour connaître en premier ressort des affaires transférées au Rwanda en vertu de la présente Loi organique.

La Cour statue en premier ressort à juge unique.

Ingingo ya 3: Ibyaha bishobora gukurikiranwa mu nkiko zo mu Rwanda

Hatitawe ku biteganywa n'andi mategeko asanzwe akurikizwa mu Rwanda, abaregwa mu manza zimuriwe mu Rwanda zivuye muri TPIR bakurikiranwaho gusa ibyaha TPIR ifitiye ububasha.

Ingingo ya 4: Inyandiko y'ibirego

Ibiro by'Umushinjacyaha Mukuru wa Repubulika bifata inyandiko y'ibirego yakozwe na TPIR bikayihuza n'ibiteganywa n'Igitabo cy'amategeko agenga imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha mu Rwanda, bikayishyikiriza Perezida w'Urukiko Rukuru rwa Repubulika.

Urukiko Rukuru rwa Repubulika rwemera inyandiko y'ikirego ari uko rumaze gusuzuma niba ikozwe mu buryo buteganywa n'Igitabo cy'amategeko agenga imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha mu Rwanda.

Ingingo ya 5: Ifatwa n'ifungwa by'uregwa

Uretse iyo iri tegeko ngenga ribiteganya ukundi, abaregwa bafatwa kandi bagafungwa nk'uko biteganywa n'Igitabo cy'amategeko agenga imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha mu Rwanda.

Article 3: Crimes triable in Rwanda

Notwithstanding the provisions of other laws applicable in Rwanda, a person whose case transferred by the ICTR to Rwanda shall be liable to be prosecuted only for crimes falling within the jurisdiction of the ICTR.

Article 4: Indictment

The Prosecutor General's Office of the Republic shall adapt the ICTR indictment in order to make them compliant with the provisions of the Code of Criminal Procedure of Rwanda, and it shall be forwarded to the President of the High Court of the Republic.

The High Court of the Republic shall accept the indictments after verifying they fulfill the formal requirements of the Code of Criminal Procedure of Rwanda.

Article 5: Arrest and detention of the accused person

Except as otherwise provided in this Organic Law, the arrest and detention of the accused persons shall be regulated in accordance with the Code of Criminal Procedure of Rwanda.

Article 3 : Crimes susceptibles d'être poursuivis par les juridictions rwandaises

Nonobstant les dispositions d'autres lois en vigueur au Rwanda, les personnes dont les dossiers sont transférés au Rwanda en provenance du TPIR ne peuvent être poursuivies que pour les crimes relevant de la compétence de ce dernier.

Article 4 : Acte d'accusation

Le Bureau du Procureur Général de la République harmonise l'acte d'accusation établi par le TPIR avec les dispositions du Code de procédure pénale rwandais et le transmet au Président de la Haute Cour de la République.

La Haute Cour de la République accepte l'acte d'accusation après s'être assurée qu'il a été établi conformément aux conditions de forme prescrites par le Code de procédure pénale rwandais.

Article 5 : Arrestation et détention de l'accusé

Sauf dispositions contraires de la présente Loi organique**,** l'arrestation et la détention des personnes accusées se fait conformément au Code de procédure pénale rwandais.

Ingingo ya 6: Uburenganzira bwo guhabwa amakuru

Mu gihe cy'iminsi icumi (10) uhereye igihe icyemezo cy'Urukiko Rukuru rwa Repubulika cyafatiwe, Umwanditsi Mukuru w'urwo Rukiko amenyesha icyo cyemezo Umushinjacyaha wa TPIR hakurikijwe iri tegeko ngenga.

UMUTWE WA II: ITANGWA RY'IBIMENYETSO

Ingingo ya 7: Amahame rusange yerekeye ibimenyetso

Ibimenyetso byakusanyijwe hakurikijwe Sitati n'Amategeko Agenga Imiburanishirize n'Itangwa ry'ibimenyetso bya TPIR bishobora gukoreshwa mu manza ziburanishwa n'Urukiko Rukuru rwa Repubulika.

Urukiko Rukuru rwa Repubulika ntirushobora guhamya umuntu icyaha rushingiye gusa ku buhamya bwanditse bwatanzwe mbere n'abatangabuhamya batigeze batanga ubuhamya mu iburanisha.

Icyakora, urukiko rushobora guhamya umuntu icyaha rushingiye ku gaciro k'ubwo buhamya bwanditse iyo ubwo buhamya bufite ubundi bubushyigikira.

Article 6: Right to information

Within a period of ten (10) days, from the time when the High Court of the Republic makes a decision, the Registrar of the High Court shall notify the Prosecutor of the ICTR of the decision made in accordance with this Organic Law.

CHAPTER II: PRODUCTION OF EVIDENCE

Article 7: General Principles in evidentiary matters

Evidence collected in accordance with the Statute and the Rules of Procedure and production of evidence of ICTR may be used in proceedings before the High Court of the Republic.

The High Court of the Republic shall not convict a person solely on written statements of witnesses who did not give oral evidence during the trial.

However, the High Court of the Republic may convict a person on the probative value of a written statement if it is corroborated by other witnesses.

Article 6 : Droit à l'information

Le greffier de la Haute Cour de la République communique, conformément à la présente Loi organique, au Procureur du TPIR toute décision rendue par cette juridiction dans un délai de dix (10) jours à compter de la date de la prise de la décision.

CHAPITRE II : DE LA PRODUCTION DES PREUVES

Article 7 : Principes généraux de la preuve

Les éléments de preuve recueillis conformément au Statut et au Règlement de procédure et de preuve du TPIR sont recevables devant la Haute Cour de la République.

La Haute Cour de la République ne peut condamner une personne en se fondant uniquement sur des déclarations écrites antérieures des témoins qui n'ont pas déposé au cours du procès.

Toutefois, si une déclaration écrite faite antérieurement au procès est corroborée par d'autres témoins au procès, la Haute Cour de la République peut statuer en s'y fondant.

Ingingo ya 8: Ibyabaye byemejwe na TPIR

Rubisabwe n'umuburanyi cyangwa rubyibwirije kandi rumaze kumva icyo ababuranyi babivugaho, Urukiko Rukuru rwa Repubulika rushobora kwemera ibyabaye byemejwe na TPIR cyangwa rukemera kwakira ubuhamya bugizwe n'inyandiko buvuye mu manza zaciwe na TPIR kandi bwerekeye ibivugwa mu rubanza ruburanishwa.

Article 8: Facts established by ICTR

The High Court of the Republic, at the request of a party, or on its own motion and after hearing of the parties, may accept facts established by the ICTR or may accept documentary evidence from proceedings of the ICTR relating to the matters referred to in the case under trial.

Article 8 : Faits établis par le TPIR

A la demande d'une partie ou de sa propre initiative, la Haute Cour de la République, après audition des parties, peut décider de considérer comme prouvés des faits établis par des décisions rendues par le TPIR ou d'ajouter foi à des moyens de preuve documentaires qui ont été admis dans d'autres affaires rendues par le TPIR et qui sont en rapport avec les affaires dont elle est saisie.

Ingingo ya 9: Ubuhamya abatangabuhamya batanze muri TPIR

Inyandikomvugo z'ubuhamya bwatanzwe muri TPIR hamwe n'inyandiko z'ubuhamya butatangiwe mu rukiko, hakurikijwe Amategeko Agenga Imiburanishirize n'Itangwa ry'Ibimenyetso, byakirwa n'Urukiko Rukuru rwa Repubulika, ubwo buhamya cyangwa izo nyandiko z'ubuhamya bipfa kuba bifitanye isano n'ikiburanwa. Urukiko Rukuru rwa Repubulika rushobora kutakira ubuhamya bwatanzwe n'umutangabuhamya urindiwe umutekano iyo bubangamiye umuburanyi kurusha uko buhamya ingingo igibwaho impaka mu rukiko.

Article 9: Evidence provided to ICTR by witnesses

Statements of testimonies of witnesses given before the ICTR and records of depositions of witnesses made before the ICTR in accordance with the ICTR Procedure and evidence, shall be admissible before the High Court of the Republic provided that the testimony or deposition is relevant to a fact in issue. The High Court may exclude evidence given by a witness under protective measures where its probative value is outweighed by its prejudicial value.

Article 9 : Déposition des témoins devant le TPIR

Les procès-verbaux de dépositions des témoins devant le TPIR et l'acte de déclarations des témoins hors audience rédigés conformément à son Règlement de Procédure et de Preuve sont admissibles devant la Haute Cour de la République pourvu qu'ils soient en rapport avec les faits en cause. La Haute Cour de la République peut exclure la preuve d'un témoin bénéficiant de mesures de protection si la valeur probante de cette preuve défavorise une partie au procès et a moins d'effet sur les questions préjudicielles

Iyi ngingo ntivutsa uregwa uburenganzira afite bwo gusaba ko abatangabuhamya bavugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo bahamagazwa mu rukiko, kugira ngo babazwe ibibazo binyomoza.

Nothing in this provision shall prejudice the right of the accused to request the attendance of witnesses as referred to in Paragraph One of this Article for the purpose of cross-examination.

Le présent article ne porte pas préjudice au droit de l'accusé de demander la comparution des témoins visés à l'alinéa premier du présent article en vue de leur contre-interrogatoire.

Iyo ubuhamya umutangabuhamya urindiwe umutekano yatanze mu rukiko cyangwa hanze bushyizwe muri dosiye y'urubanza, umwirondoro w'uwabutanze ntutangarizwa rubanda, keretse iyo bitangiwe uruhushya na

When the testimony or deposition of a witness, who was subject to a protection order of the ICTR, is admitted into the record, the identity of the witness shall not be disclosed to the public unless the ICTR or the witness authorizes such

Lorsque la déposition d'un témoin bénéficiant de mesures de protection, faite à l'audience ou non, est versée au dossier de l'affaire, l'identité du témoin ne peut être divulguée au public que sur autorisation du TPIR ou de l'intéressé. En cas de citation du témoin

TPIR cyangwa nyir'ubwite. Iyo uwo mutangabuhamya ahamagajwe kugira ngo abazwe ibibazo binyomoza, rubanda ntimenyeshwa ko yatanze ubuhamya muri TPIR keretse iyo bitangiwe uruhushya na TPIR cyangwa nyir'ubwite.

<u>Ingingo ya 10</u>: Ubuhamya bw'impuguke muri TPIR

Ubuhamya bw'impuguke bwashyizwe muri dosiye y'urubanza mu Rugereko rwa Mbere rw'Iremezo rwa TPIR bwemerwa nk'ubuhamya mu manza nshinjabyaha zibera mu Rukiko Rukuru rwa Repubulika bitabaye ngombwa ko iyo mpuguke ihamagazwa mu rubanza.

Iyo ubuhamya bw'impuguke buvugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo bushyizwe muri dosiye y'urubanza, bufatwa nk'ubuhamya ku cyabaye cyangwa igitekerezo iyo mpuguke yari gutanga mu rukiko.

Hakurikijwe ingingo ya 6 y'iri Tegeko Ngenga, Urukiko Rukuru rwa Repubulika rwakira muri dosiye y'urubanza ubuhamya bw'impuguke hashingiwe ku nyandikomvugo z'ubuhamya iyo mpuguke yatangiye mu Rugereko rwa Mbere rw'Iremezo rwa TPIR mu rundi rubanza.

Icyakora, iyo mpuguke igomba kuba yaramenyeshejwe mbere uburenganzira n'inshingano byayo ku birebana n'ubwo buhamya bwayo, kandi ubuhamya bugomba kuba busobanura ibyabaye cyangwa ibitarabaye bifitanye isano n'urubanza ruburanishwa.

disclosure. If such a witness is called for cross-examination, the fact that the individual testified at the ICTR will not be disclosed to the public unless authorized by the ICTR or the witness.

<u>Article 10</u>: Statement by expert witnesses before the ICTR

The statement of an expert witness entered into the case file in any proceedings before the first Trial Chamber of the ICTR shall be admissible as evidence in criminal proceedings conducted in the High Court of the Republic without the appearance of the expert witness in the proceedings.

If the statement of an expert witness mentioned in Paragraph One of this Organic Law is admitted in the case file, it shall be admitted as evidence of fact or as an opinion the expert would have provided in the court.

Pursuant to Article 6 of this Organic Law, the High Court of the Republic shall admit in the file an expert witness testimony basing on the statements the expert adduced in the first instance Trial Chamber of ICTR in another case.

However, the expert is required to have been previously informed of his or her rights and obligations regarding his or her testimony and the testimony shall specify on the existence or non-existence of facts relevant to the case under trial.

en vue de son contre-interrogatoire, le fait qu'il a déposé devant le TPIR ne peut être divulgué au public que sur autorisation du TPIR ou de l'intéressé.

<u>Article 10 :</u> Déclarations des témoins experts devant le TPIR

La déclaration d'un témoin expert versée au dossier dans une affaire portée devant une Chambre de première instance du TPIR est admissible en preuve dans les affaires pénales portées devant la Haute Cour de la République sans que la comparution du témoin expert soit nécessaire.

Une fois versée au dossier, la déclaration d'un témoin expert visée à l'alinéa premier du présent article fait preuve de ce que son auteur aurait pu dire à la barre, qu'il s'agisse d'un fait ou d'une opinion.

